# 230: Umv' intumwa zo mw’ ijuru

1. Umv' intumwa zo mw’ ijuru Ziririmbira Yesu. Ziti Iman’ ishimwe cyane : Amahor’ a be mw’ isi: Kuk’ Umwana way’ avutse Uzakiz' abanyabyaha; Yesu n' Umukiza wacu : Yaje kuducungura.

Ref: Umv’intumwa zo mw ijuru Ziririmbira Yesu:

2. Nubwo mu kiraro cy'inka,Arimo wavukiye, Ur’ Iman’ isumba byose: Twese tugusingize. Tugushime cyane,Yesu : Ur’ Iman’ uri n'umuntu .Ur’ Imanuweli wacu : Imana turi kumwe.

3. Ur' izuba rituvira,Ur' amahoro yacu; Wemeye kuva mw ijuru.ub' umuntu wo gupfa. Watuzaniy’ ubugingo,Ngo tukwizere, tubeho. Tunezererw’ uyu munsi Ko duhaw’ Umukiza,

4. Nuko amoko yos’ ashime Krist' Uwera w'Imana. Hose hose bumvikane Indirimbo z'ishimwe Amahoro nabe mw isi, Kuk’ Umwami Yes’ avutse. Yesu ni We Nshuti yacu, N’ Umuvunyi duhawe

Visit us at burundi.indirimbo.com